«Yesu Kristo ntahinduka, uko yar' ejo niko ari kandi niko azahora iteka ryose» (Abaheburayo 13:8).

Urwandiko mbwirwabenshi 10-12/ 2014

Nshuhuje benedata ku isi hose mbikuye ku mutima, mu Izina ry' igiciro ry' Umwami wacu Yesu Kristo, nkoresheje amagambo yivugiye ubwe mu isengesho yasengeye abigishwa be:

«Nakubahishije mu isi, kuko narangije umurimo wampaye gukora» (Yohana 17 :4).

Wari umugambi w' Imana *«…Imaze kuzanisha amahoro amaraso yo kumusaraba we, imwiyungisha n' ibintu byose…»* (Abakolosayi 1:20).

Ibyo kandi byabaye ku bw' iteka ryose : *«…None yiyungishije namwe urupfu rw' umubiri we, ngo ibishyire imbere yayo muri abera n' abazirange mudafite umugayo …»* (Abakolosayi 1 :21-22).

Ukunesha kwe ni ko kunesha kwacu « *Kandi imaze kunyaga abatware n' abafite ubushobozi, ibahemura kumugaragaro, ibivuga hejuru ku bw' umusaraba* » (Abakolos. 2 :15).

« … *Arindira igihe abanzi be bazashyirirwa munsi y' ibirenge bye. Kuko abezwa yabatunganishije rwose igitambo kimwe kugeza iteka ryose*» (Abaheburayo 10:13-14).

Kuzuka kw' Umwami wacu kwabaye ikimenyesto kigaragara, kandi cy' instinzi, byerekana ko urupfu, ikuzimu na satani byaneshejwe. Mu kibwirizwa cya Petero cya mbere, yavuze ku byanditswe muri zaburi 16:8-11: «*Kuko utazarekera ubugingo bwanjye ikuzimu, cyangwa ngo uhane Uwera wawe abone kubora*» (Ibyakozwe 2:27).

Umwami amaze kuzuka yabashije kubwira abe ubutumwa bw' instinzi: «*Nahawe ubutware bwose mu ijuru no mu isi* » (Matayo 28: 18). Natwe, igihe tuzazamurwa, tuzarangurura ijwi tuti: «*Ariko Imana ishimwe iduha kunesha ku bw' Umwami wacu Yesu Kristo!» (Abakorinto 15:57*).

Umucunguzi wacu yashohoje umurimo w' ubucunguzi, nk' uko byanditswe muri Yesaya 42:1-4, kandi bikaba byarahamirijwe muri Matayo 12:17-21. Urumuri rucumba ntazaruzimya, kugeza ubwo azasohoza byose, akaneshesha gukiranuka kwe, hamwe n' abanesheje bose. Amen.

Nyuma yo kuganira n' intumwa ze iminsi mirongo ine <u>kubirebana n' Ubwami bw' Imana</u>, nyuma yo kuzuka kwe guhebuje (Ibyakozwe 1:1-8), Umwami wacu yazamutse mu ijuru bakimureba, igicu kiramubakingiriza (Umurongowa 9). Akigenda abagabo babiri bababonekera bahagaze iruhande rwabo bambaye imyenda yera, barabwabwira bati : « *Yemwe bagabo b' iGalilaya, ni iki gitumye muhagaze mureba mu ijuru ? Yesu ubakuwemo akazamurwa mu ijuru, azaza atyo nk' uko mumubonye ajya mu ijuru* » (Umurongowa 10-11).

Umwami wacu yagumanye nabo « *Kugeza ku munsi yazamuriwe mu ijuru amaze guha intumwa yatoranije amabwiriza kubw'Umwuka wera* » (Ibyakozwe 1 : 2). Icyo gihe yashimangiye isezerano rya Data, ryo kubatizwa, bakuzuzwa Umwuka wera (imirongo 4-5), kugira ngo bahabwe imbaraga z'imana, babone kuba abahamya be. Hanyuma bakimureba, azamurwa mu ijuru, igicu kiramubakingiriza. Nk'uko ibyanditswe bivuga, uko ni ko azagaruka, hanyuma natwe tuzamurwe mu bicu tumusanganire mu kirere (1Abatesalonike 4:17) – Ntabwo ari ahantu na hamwe ku isi.

Mu byakozwe n'intumwa 2, dusoma ibyanditswe bivuga ku kuza kw'Umwuka wera, nk'uko byahanuwe n'umuhanuziYoweli mu gice cya 2, bikavugwa na Yohana mubatiza muri aya magambo: «We azababatirisha Umwuka wera n'umuriro » (Matayo 3:11). Kandi byahamirijwe n'Umwami wacu muri aya magambo: « …Kuko Yohana yabatirishaga amazi, ariko mwebweho mu minsi mike muzabatirishwa Umwuka wera » (Ibyakozwe 1:5).

Ikibwirizwa cya mbere cyakurikiwe no kwihana ibyaha, no kwizera, n'umubatizo mu mazi, no kubatizwa n'umwuka wera, kizakomeza kuba icyitegererezo cy'agaciro mu itorero ry'Imana. Ku bw'icyo kibwirizwa, ubugingo bw'abantu ibihumbi bitatu bwiyongereye ku mubare w'abizera. Hanyuma tubona ibintu bine shingiro byari mu itorero rya mbere: « Bahoraga bashishikariye ibyo intumwa zigishaga, bafatanyaga bya kivandimwe, bamanyaguraga umutsima, kandi bahoraga basenga » (Ibyakozwe 2:42).

Inyigisho y'intumwa yarihuje rwose n'ibyavuzwe mbere n'abahanuzi. Niyo mpamvu itorero ryubatswe « Ku rufatiro rw'intumwa n'abahanuzi, Yesu Kristo akaba ari we buye rikomeza imfuruka » (Abefeso 2:20).

Ku bari mu Itorero ry'Imana nzima bose, ibi byahoze ar'ingirakamaro kandi niko bizakomeza kuba: kwizera icyo ibyanditswe bivuga cyonyine, no kwitondera ibyo byigisha.

Umugeni w'umwana w'intama (Ibyahishuwe 19 :7), ni Umugeni-Jambo, kandi nta sano na rito afitanye n'insobanuro bwite z'abantu (2 Petero). Mu byahishuwe 21:4, Yohana yabonye Yerusalemu nshya imanuka iva mu ijuru imeze nk'umugeni warimbishirijwe umukwe we.

Umurwa wera ufite inkike n'amarembo 12 yanditsweho amazina y'imiryango 12 ya Isirayeli. Inkike z'urwo rurembo zifite imfatiro 12 zanditsweho amazina 12 y'intumwa z'Umwana w'intama.

Ni byiza kumenya ko Umucunguzi afite Itorero rimwe, ari ryo mubiri we (1Abikorinto1 2 :12-31), iryo ubwe yubatse (Matayo 16 :16-18), kandi yacunguje amaraso ye (Abefeso 1 :7), « …*Aryishyire rifite ubwiza, ridafite ikizinga cyangwa umunkanyari, cyangwa ikintu cyose gisa gityo, ahubwo ngo ribe iryera ridafite inenge* » (Abefeso 5 :27).

Ubutumwa bw'igihe bubanziriza kugaruka kwa Kristo

Iki ni igihe cya ngombwa cyane ku itorero rya Yesu Kristo.

Isezerano ryo muri Malaki 3:23-24 ryarekeye umugambi w'agakiza, iryo Umwami yahamirije muri Matayo 17:11 no muri Mariko 9:12, ryasohoreye imbere y'amaso yacu mur'iki gihe cyacu. Ubwo butumwa bwagaruye ibirebana n'inyigisho fatizo byose mu

mu mwanya wabyo w'inkomoko, hahirwa amaso abibona. Amagambo Umwami yavuze ati: « *Eliya akwiriye kubanza kuza, akagarura byose, akabitunganya »,* ryarasohoye, kandi uyu munsi ashobora guhamya na none ati : « *Eliya yaraje kandi yagaruye byose* ».

Nk'uko isezerano ryanditswe muri Malaki 3:1 riri, Yohana mubatiza nk'intumwa y'Imana, yabanjirije ukuza kwa mbere kwa Kristo. Ibyo ni byo Umwami wacu yahamirije muri Matayo 11:10 ubwo yavuze ati: « *Uwo niwe wandikiwe ngo: Dore ndenda gutuma integuza yanjye mbere yawe, izakubanziriza igutunganirize inzira* ». Ni ko no mu gihe cyacu haje William Branham nk'intumwa y'Imana, nkuko byanditswe muri Malaki 3:23-24, yaje azanye ubutumwa bwo kugarurira Itorero, kugira ngo butegure inzira yo kuza kwa kabiri kwa Kristo. Ibyo byabaye uguhishurwa kw'ubwiru bwose bwari mu Ijambo ry'Imana, kugeza no ku kubumburwa kw'ibimenyetso birindwi - Mu yandi magambo, byabaye kutwinjiza mu mugambi wose w'agakiza k'Imana. Iyo hatabaho Intumwa, ntiharikubaho n'ubutumwa. « *Ni ukuri Uwiteka Imana ntizagira icyo ikora, itabanje guhishurira abagaragu bayo b'abahanuzi ibihishwe byayo* » (Amosi 3:7).

Icyakora uyu munsi, ntibihagije kwizera gusa ko Malaki 3 :23-24 yasohoye. Icya ngombwa cyane ni ukumenya niba twarahawe ubugingo bw'ibyo umuhanuzi yabwirije mu bibwirizwa bye byose. Dushima Imana ku bw'ubuntu bwayo bwadushoboje kwizera buri jambo ryayo. Umwami wacu yaravuze ati: «*Ni muguma mu Ijambo ryanjye muzaba abigishwa banjye nyakuri, namwe muzamenya ukuri kandi ukuri ni ko kuzababatura* » (Yohana 8 :31-32).

Guteshuka guteye ubwoba ku jambo rimwe gusa

Bikwiye kwongera kuvugwa mu buryo bweruye : mwenedata Branham yatanze ubuhamya inshuro nyinshi ku magambo yabwiwe ava mu Mucyo ndengakamere wabonywe n'abantu bose bari baje gushungera umurimo wo kubatiza, tariki 11-06- 1933. Ayo yaravuze ati : « Nk'uko Yohana Mubatiza yoherejwe nk'integuza yo kuza kwa mbere kwa Kristo, uko niko nawe uzoherezwa ufite ubutumwa butegura kuza kwa kabiri kwa Kristo ! »

Ibyo yabwiwe yabisubiyemo inshuro 17 mu bibwirizwa bye binyuranye. Ndetse tariki ya 10-02-1960, yongeyeho mu ruhame mu buryo bwumvikanira umuntu wese ufite ubwenge buzima ati : « Ntabwo ari jye uzaba integuza, ahubwo ubutumwa nibwo buzaba integuza. » Nta kuntu byari kuvugwa mu buryo bweruye kandi bwumvikana kurenza uko.

Nyamara nyuma y'urupfu rw'umuhanuzi, ayo magambo bayahinduye nkana mu buryo bukurikira: «Nk'uko Yohana Mubatiza yoherejwe nk'integuza yo kuza kwa mbere kwa Kristo, nawe uzaba integuza yo kuza kwe kwa kabiri.» Uko ni ko benedata bo muri Amerika babibwirije hose, ni ko babicapye mu bitabo byabo, ndetse ni ko babyanditse ku nzu ya mwenedata Branham iri ahitwa Tuksoni. Ijambo nyamukuru- «Ubutumwa!»- bwakagombye kuba integuza, barikuyemo.

Iyo nyandiko igoretse niyo kandi yashyizwe munsi y'ifoto iriho Inkingi y'umuriro ku mutwe wa mwenedata Branham, zimwe mu kunda-rubyino zisigaye ziza kunamira no gusengera imbere y'iyo foto!

Byaba kongeraho cyangwa gukuraho ijambo rimwe gusa, nibyo satani ajya akoresha kugira ngo agoreke kandi ahindure ibiba byavuzwe. Buri mwana w'Imana nyakuri areka **buri Jambo ry'Imana nk'uko ryasohotse mu kanwa k'Imana, ni nako afata n'ibyabwiwe mwenedata Branham bivuye mu Mucyo ndengakamere.**

Ubu noneho bizagaragara niba **twizera koko kandi twemera** ibyo Marayika w'Uwiteka yavuze tariki 11-06-1933, cyangwa se **niba twizera ibyagoretswe**. Utizera ukuri biba bigaragaza ko yanaciriweho iteka n'Imana kugira ngo yizere ibinyoma (2Abates.2 :11). Ijambo ritunganye ni ryo ryonyine kuri ; igihinduwe cyose aba ari ikinyoma. Ibyo ni ko bizahora kuko : « *Nta kinyoma gikomoka mu kuri* » (1Yoh. 2 :21b). Bahora bambaza niba ntashobora guceceka nkareka iby'ubwo buyobe. Nzi neza inshingano mfite imbere y'Imana, ntacyo nabihinduraho, Imana yonyine ni yo ishobora kubikora.

Umwami wazutse niwe wantegetse mu ijwi rye rihinguranya ko *mbwiriza Ijambo rye*. Ibyo ni byo maze imyaka irenga 50 nkora. Kandi nk'uko Imana yabintegetse, nakomeje gukwirakwiza ibyokurya by'umwuka byahunitswe na mwenedata Branham bikaba biri mu bibwirizwa bye. Amaze kubihishurirwa, mwenedata Branham yahamirije ibyo byombi, maze andambikaho ibiganza ansabira umugisha. Ubu bukozi bwomatanye rwose mu buryo butaziguye n'umurimo umuhanuzi yahawe, n'ubutumwa nyakuri kandi n'Imana. Jye hamwe n'intore z'Imana zose twizera amagambo yavuzwe tariki 11-06-1933

ati :« … **uko niko uzoherezwa ufite ubutumwa buzabanziriza kuza kwa kabiri kwa Kristo.** » Twamaganira kure imvugo yagoretswe kuko ari ubushukanyi bwa Satani. Iyo ni yo ikoreshwa n' abarwanya umugaragu washinzwe gukwirakwiza ubutumwa. **Kuko uwizera ko mwenedata Branham nk' umuntu ari we nteguza ubwe, nta kuntu ashobora kwizera ko ubutuwa yabwirije ari bwo bukomeza, nyuma y' urupfu rwe, kuba integuza yo kuza kwa kabiri kwa Kristo.**

Ingaruka iteye ubwoba yo gukoresha impano z' Umwuka nabi

Ikindi kandi, hari ingingo ya kabiri yiyongereyeho twavanyemo isomo ribabaje. Uhereye igihe nujujwe Umwuka wera nkiri mu Itorero ry' ivugabutumwa riri ahitwa Hambourg mu kwezi kwa gatanu 1949, nakomeje kujya mu materaniro yarimo umugisha y' amatorero y' abapantekote bigenga. Igihe cyose nyuma y' ikibwirizwa, twabaga dutegereje icyo Umwuka w' Imana ari butubwire binyuze mu mpano z' Umwuka zo kuvuga mu ndimi, gusobanura indimi no guhanura.

Muri za 50 ni bwo twakiriye ubutumwa, duca bugufi twemera gukosorwa ku ngingo zose z' inyigisho nk' uko mwenedata Branham yabibwirije yishingikirije kuri Bibiriya, byaba ari iby' ubumana, umubatizo, ifunguro ryera cyangwa indi ngingo iyo ari yo yose. Itorero ryarakuze kandi dukomeza kubona imbaraga z' Umwuka wera hagati yacu. Nyuma y' ikibwirizwa, bose babaga bategereje cyane cyane ko ubuhanuzi buvugwa. Kandi koko handitswe ngo: *«Ntimugasuzugure ubuhanuzi »* Ariko kandi handitswe ngo : *« Ariko mugenzure byose ; mugumane ibyiza! »* Ubwo benedata na bashiki bacu bahamagarwaga mu mazina kugira ngo basengerwe, twatekerezaga ko ari kimwe n' ibyabaga mu gihe cya mwenedata Branham : mu babaga bari ku murongo kugira ngo abasengere mu materaniro ye, harimo abo yabaga atazi, Imana ikamuhishurira mu iyerekwa amazina yabo, aho bakomokaga n' indwara babaga barwaye. Ariko twe nk' uko twaje kubimenya hanyuma, uwari afite iyo mpano yabaga azi abo benedata na bashiki bacu yahamagaraga. Nta muntu n' umwe wigeze agira igitekerezo ko ikintu cy' ikinyoma, cyo kwigana impano kwaba kwaramaze gucengera hagati yacu.

Igihe kimwe ubuhanuzi bwarasohotse, mbwirwa kurambika ibiganza kuri mwenedata umwe n' umugore we kugira ngo bakore umurimo w' Imana. Nahereyeko mbikora ntajuyaje. Hanyuma haje kugera umunsi umwe hari ku wa gatandatu tariki 18-11-1978. Byari nka saa ine za mugitondo ubwo Umwami yavuze mu ijwi ry' imbaraga kandi ritegeka ati : « *Mugaragu wanjye, genzura Ibyakozwe n' Intumwa urebe niba hari aho umugabo yigeze ahamagarwa mu umurimo hamwe n' umugore we !* »

Nahereyeko mfata bibiliya yanjye ndeba Ibyakozwe n' Intumwa, nk' uko Umwami yari yabintegetse. Mbasha kwibonera ko nta n' umwe mu ntumwa wigeze ahamagarwa hamwe n' umugore we, ndetse na ba bandi barindwi batoranirijwe kwita ku batishoboye ko bahamagawe bonyine batari hamwe n' abagore babo. Benedata ni bo bonyine bashyizwe mu mirimo yo kubwiriza uko ari itanu nk' intumwa, umuhanuzi, umwigisha, umushumba n' umubwiriza butumwa. Ubwo nabwiraga ibyo uwo mushiki wacu wari ufite ya mpano yo guhanura, yahereyeko ahinduka: aho kugira ngo ace bugufi munsi y' ukuboko kw' Imana gufite imbaraga yemere gukosorwa, uburakari bw' inkazi bwa Satani bwahereyeko bumukongereza kundwanya. Nashyizweho itera bwoba ko nzandimburanwa n' ubukozi bwanjye ndetse n' umurimo wose. Uhereye icyo gihe, umukozi w' Imana yiswe umusambanyi, umuteka mutwe, umushukanyi, ndetse na antikristo n' ibindi byinshi.

Kubera impano y' ubuhanuzi uwo mugore yari afite bose bubahaga, benshi baramwumviye bizera ibyo ababwira, kugeza no kuri benedata bo muri Amerika na Kanada.

Uhereye mu kwezi kwa gatanu 1979, benshi basohokanye nawe bava mu itorero, hasigara abantu bacye cyane, umurimo w' Imana ugira ingorane zikomeye cyane ku isi yose. Icyo gihe nari maze kugeza Ubutumwa mu bihugu 85. Iby' ubukozi bwanjye byo byasaga n' ibyarangiye. Niyo mpamvu nashatse kwiyahuza amazi mu Nyanja yitwa iyo mu majyaruguru ku itariki ya 16-06-1979. Ariko hari ikibazo cyagurumanaga mu mutima wanjye wari washengutse, nuko mbwira Umwami nti : « Mwami mukundwa, dore ubu ndaje aho uri. Mbwira impamvu ibi byose byabaye.» Akanya kakurikiyeho, amagambo ahinguranya yumvikaniye mu guhinda kw' inkuba kwarushagaho kwiyongera guturuka hejuru yanjye iburyo, nyabwirwa n' Imana ubwayo iti : « Impamvu ni uko wumviye ijwi ry' umugore wawe ! » Ibi ni ukuri nk' uko Imana ari nzima.

Tariki 2-04-1962, nk' uko abizera Ubutumwa bose babizi, Umwami yampaye, mu ijwi ritegeka, amabwiriza asobanutse ajyanye n' ubukozi nahawe, harimo kujya mu yindi mirwa kubwiriza Ijambo ry' Imana, kudashinga amatorero, kutandika igitabo cy' indirimbo, n' ibindi. Mu myaka yakurikiyeho, Umwami yakomeje kujya ampa amabwiriza mu ijwi ryumvikana igihe cyose habaga hari ibyemezo bikomeye byagombaga gufatwa, nk' uko byagiye byandikwa no munzandiko mbwirwabenshi zinyuranye. Nyamara icyo gihe, uburakari bw' Imana bwumvikanaga muri buri jambo ry' ayo magambo uko ari icyenda nabwiwe mu buryo bwo kuncyaha, mu ijwi rihinda nk' inkuba. Nk' ukubiswe n' inkuba, naguye hasi ibumoso. Maze gusubira mu icumbi ryanjye, narapfukamye, mbumbura bibiliya yanjye maze amaso yanjye agwa kuri ya magambo amwe, mu Itangiriro 3 :17, ayo Imana yabwiye Adamu.

Nahereyeko menya ko uko gucyahwa nacyashwe n' Imana ubwayo kwari gukenewe nk' uko byabaye kuri Adamu ubwo yumviraga ijwi rya Eva wari wamaze kugwa munsi y' ubushukanyi bw' inzoka. Iyi ngingo Pawuro yayanditseho ibikurikira : « … *Kuko Adamu ariwe wabanje kuremwa, Eva agakurikiraho ; Adamu ntabwo ari we wayobejwe, ahubwo umugore, niwe wayobejwe rwose, ahinduka umunyabicumuro.* » (1Tim. 2 :11-14)

Nk' uko byabaye cyera mu buryo bwa kamere, ubwo imbuto ebyiri zitandukanye rwose zadukaga bitewe n' ubuyobe Eva yaguyemo, n' ubu ni ko bimeze mu buryo bw' umwuka mu itorero. Urugero ni nk' ukuntu bamwe bashimira Imana umuhamagaro wayo no gukomezwa kw' umurimo, mu gihe abandi bawuhakana ndetse bakawuseka cyane. Bamwe bishimira ukuntu Ubutumwa bubwirizwa ku isi hose, abandi bakizera ko byose byarangiranye na mwenedata Branham.

Nyamara nk' uko mu itangiriro kugwa kwari mu migambi y' Imana, nta gushidikanya ko n' ubu ku iherezo ry' igihe cy' ubuntu byose biri mu byo Imana ireka ngo bibe. Iyo hatabaho kugwa kwa mbere kwatewe no kuyoba kwa Eva, ntabwo byari gushoboka ko umugambi w' agakiza wateguwe isi itararemwa ushyirwa mu bikorwa. Iyo Imana idateza ibyabaye muri iki gihe cyacu, ntabwo byari gushoboka ko Itorero-Mugeni risozerezwa mu Ijambo ritunganye rwose no mu mbaraga z' Umwuka. Mu Itorero ryagaruriwe, byose bigomba kuba muri gahunda, byaba ari ubukozi cyangwa impano z' umwuka. Nk' uko mwenedata Branham yakunze kubishimangira agaruka ku byabaye kuri Eva, **Icyaha cy' inkomoko ni ukutizera. Ubwo Eva yategaga ugutwi inzoka yashidikanyaga ku byo Imana yabwiye Adamu, nta kundi byashoboraga kumugendekera uretse kwizera ikinyoma cya Satani. Ibyo ni ko byongeye kuba rwose mu gihe cyacu. Icyabanje ni uko Satani yazanye gushidikanya ku muhamagaro w' umugaragu w' Imana n' ibyo Imana**

yamubwiye ubwo yamuhamagaraga, hakurikiraho kwemeza abantu ibisobanuro bye nk'aho ari byo kuri. Uko niko ukuyobya kwaje mu itangiriro, kandi ni ko kuzakomeza kuba kugeza ku iherezo.

Iyo kugwa kwa mbere kutaza kuba muri paradiso, nta kuntu twari kuzamenya Umugambi w'Agakiza. Byose byagenwe isi itarashyirwaho urufatiro. Amazina yacu nayo yanditswe isi itarashyirwaho urufatiro mu gitabo cy'ubugingo cy'Umwana w'intama (Ibyah. 13:18). Ariko ubushukanyi bumaze kwinjira, imbuto mbi yahereyeko ibibwa mu isi yose, urwango ruherako ruravuka hagati ya za mbuto zombi (Itang. 3:15), urwango rukomeza no hirya y'urupfu. Nta kimenyetso na kimwe kigaragaza ko abayobejwe bashobora kwongera kwiyunga. Iyo umurongo ntarengwa warenzwe, bisa nk'aho kugaruka biba bitagishobotse. Icyakora dukwiye kurekera Imana ibyo guca urubanza rwa nyuma. Nyamara Kayini, ya mbuto mbi yabyawe na Eva ku bw'ubuyobe, ntiyigeze yemerwa n'Imana, Abeli niwe wenyine wemewe n'Imana hamwe n'igitambo cye. Imana yemera imbuto yayo yonyine, ari bo bahungu n'abakobwa bayo bavutse ubwa kabiri. «*Urubyaro rwe ruzamukorera*…» (Zaburi 22:30).

Umusaruro ureze, kandi ingano ze zonyine nizo Umwami azahunika mu kigega (Mat. 3:12). Ndashimira Imana yanjye kuko yanyeretse uwo murima weze rwose kandi nta n'akababi k'urukungu kawurangwagamo. Kandi koko, Umwami wacu yavuze muri Matayo 13:39-43, ko urukungu ari rwo ruzabanza guhambirirwa hamwe. Imbuto-Jambo yarabibwe, kandi yagaragaye mu bagize Itorero-Mugeni, ubu igeze ku mwero wayo rwose. Ni ukuri, mu gihe gito tuzashobora kubwirana tuti: «*Twishime, tunezerwe, kandi tumuhimbaze; kuko ubukwe bw'Umwana w'intama busohoye, umugeni we akaba yiteguye.*» (Ibyah. 19:7).

Ese icyemezo cyamaze kuba ndakuka?

Abaguma mu buyobe baca rwose iruhande ry'ibyo Imana irimo gukora mu gihe cyacu. Bizera, bashingiye ku inyandiko zagoretswe, ko ubutumwa bwarangiranye n'umuhanuzi, mbere yo kuza kwa kabiri kwa Kristo. Ikindi kandi, abaguma mu buyobe bahakana rwose ubukozi bwatanzwe n'Umwami ubwe, ndetse bugahamirizwa n'umuhanuzi. Kuri bo byose byararangiye. Hari n'abavuga ko Umwana w'Intama yamaze kuva ku ntebe y'imbabazi, ko Umwami yamaze kugaruka akaba arimo gusaba ibyo agombwa mu be, n'ibindi nk'ibyo byinshi. Ariko Imana ihimbazwe, kuko Ubutumwa bw'ukuri bukibwirizwa bushingiye kuri Bibiliya, ku buryo ibyo umuhanuzi yavuze byose bishyirwa neza mu mwanya wabyo. Ibyanditswe byera ni byo byari ntakuka ya mwenedata Branham, natwe ni byo byonyine ntakuka yacu.

Mwenedata Branham yakunze kugaruka ku byanditswe mu Byahishuwe 22:18-19 inshuro zirenga ijana, ashimangira ko nta jambo na rimwe rishobora kugabanywaho cyangwa kongerwaho, kuko kuri Eva byasabye Satani kongeraho ijambo rimwe gusa kugira ngo urupfu rwinjire. Pawuro yari afite ifuhe ryo mu buryo bw'Imana, kuko yifuzaga kuzashyikiriza Kristo Itorero rimeze nk'umugeni utunganye, ni byo byamuteye kuvuga ati: «*Ariko ndatinya yuko nk'uko ya nzoka yohesheje Eva uburyarya bwayo, ko ari nako intekerezo zanyu zayobywa mukareka gutungana no kubonera bya Kristo*» (2Abakor. 11:3). Ugira icyo yongèra cyangwa akagabanya ku Ijambo ry'Imana, aba ari munsi y'ubushukanyi bw'inzoka, aba yamaze kuyobywa, nta mugabane aba agifite ku Giti cy'Ubugingo. Birakenewe gusoma ibyo mwenedata Branham yavuze akomeje ku bijyanye

n'ibyo. Dore interuro ze eshatu twatoranije mu zindi nyinshi: Tariki 1-02-1965 yaravuze ati: «**Nihagira umuntu uzagabanya cyangwa akagira icyo yongera kur'iki gitabo, Imana izavana izina rye mu gitabo cy'ubugingo**». Tariki 12-11-1961 yaravuze ati: «**Ibyo byerekana rwose ko n'aho izina rye ryaba ririmo, rizahanagur**wa». Tariki 18-04-1965, nabwo yongeye kuvuga ati: «**Dushaka icyo Imana yavuze mbere na mbere. Ugira icyo agabanya cyangwa yongeraho, izina rye rizakurwa mu gitabo cy'ubugingo**». Muri Matayo 4:4, Umwami wacu yashubije umushukanyi ati: «*Handitswe ngo: umuntu ntazabeshwaho n'umutsima gusa, ahubwo azabeshwaho na buri Jambo risohoka mu kanwa k'Imana*».

Imana niyo yanshoboje gushyira interuro za mwenedata Branham ziruhije gusobanukirwa mu mwanya wazo, no kuzihuza n'ibyanditswe. Nta kibazo na kimwe kiriho, yaba ari no ku byanditswe mu Byahishuwe 10, mu gihe umuntu abanje gusoma igice cya 8 n'icya 9, hanyuma agasoma n'icya 11. Kuko ari wa wundi na none wihishuriye Mose n'ubwoko bw'Isirayeri mu gicu no mu nkingi y'umuriro, akabaherekeza kumara imyaka 40 (Kuva 40:34-38). Niwe kandi wihishuye mu gicu, mu gihe cy'ubukozi bwa mwenedata Branham akiri ku isi tariki 20-03-1963, ubwo inkuba yakubitaga bikomeye inshuro ndwi bikanyeganyeza ako karere kose. Niwe nanone uzamanuka nka Marayika w'Isezerano uvugwa mu Byahishuwe 10, azashyira ikirenge kimwe ku butaka n'ikindi ku nyanja. Dukwiye gushimira Imana yacu yo nyir'ukwiringirwa, yaduhaye ubwenge bwo gusobanukirwa no guhuza Ijambo ryanditswe n'ubutumwa bw'igihe!

Inyigisho z'ibinyoma zo, nta kuntu zishobora kubona umwanya mu byanditswe byera. Abakwirakwiza inyigisho z'inzaduka, hari kimwe bose bahuriyeho: bose barwanya umurimo w'umukozi watumwe n'Imana, bashaka kuwutesha agaciro bagakoresha gusebanya, kugira ngo aribo bagaragara kandi batez'imbere gahunda zabo bwite. Ikindi bahuriyeho, ni uko **bose bizera ko ya nyandiko yagoretswe ariyo y'ukuri, naho iy'ukuri bakayita ikinyoma.**

Uko byamera kose, Umwami arimo kubaka Itorero rye, kandi amarembo y'ikuzimu ntabwo azarishobora. Nta gushidikanya ko itorero ry'ukuri ari rimwe gusa hagati y'abizera Ubutumwa bw'igihe, ari ryo Mugeni-Jambo. Abizera ibyo bahishuriwe byihariye cyangwa indi nsobanuro iyo ari yo yose bari munsi y'ububasha bw'umushukanyi; bari hanze y'Ijambo kandi ntabwo bari mu Itorero-Mugeni. Ariko abana b'Imana nyakuri ku isi yose bajyanywe munsi y'ububasha bw'uwo mwuka mubi ugamije kwangiza nkana no kurimbura, bazashobora kongera kubona inzira, maze bizere ko **Ubutumwa bwazanywe n'umuhanuzi ari bwo bugikomeza kubanziriza kuza kwa kabiri kwa Kristo, kugeza ubwo uwizera wa nyuma azahamagarwa.**

Mwenedata Branham yavuze inshuro nyinshi ati: benshi bavuga ibyo Imana yakoze mu bihe byashize, bagategereza ibyo izakora mu gihe kizaza, ariko bagaca ku ruhande rw'ibyo Imana iba irimo gukora mu gihe cyabo. Nyamara, ibyo Imana yakoze mu gihe cyashize ni byo biduhuza n'ibyo irimo gukora ubu, kandi ibyo irimo gukora ubu nibyo bidutegurira ibyo izakora na none mu gihe kiri imbere.

Uwaneshereje i Gorogota arimo gusozereza mu be umurimo we wo gucungura. Kw'iherezo hazongera hasohore ya magambo Pawulo yabwiye abanze kwizera ubwo yari mu rugendo rwe rwa mbere rw'ivugabutumwa ati: «*mwa banyagasuzuguro mwe, nimurebe, mutangare maze murimbuke; kuko ngiye gukora umurimo, umurimo mutashobora kwemera n'aho bawubabwira* » (Ibyakozwe. 13:41).

Ese Pawulo yashingiye ku bihe byanditswe ubwo yabagereranyaga n'abanyagasuzuro? N'ibyo mu Kubara igice cya 16, aho abagabo b'ibyamamare bahagurukiye kurwanya Mose na Aroni. Mose yikubise hasi yubamye, arasenga aravuga ati : «*Icyo ni cyo gitumye wowe n'abari kumwe nawe muteranijwe no kurwanya Uwiteka! Kuko Aroni se ni nde kugira ngo mumwitotombere?*» (Umurongo wa 11).

Mose arabahamagaza ngo baze baranga, baramusubiza bati: «*Mbese urashaka kumena amaso y'aba bantu?*» Byarakomeje, hanyuma Mose aza kwita abantu ba Kora "*abanyabyaha b'abagome*" maze abaciraho iteka: «*… muri bumenye ko Uwiteka ari we aba bantu basuzuguye*» (Umurongo wa 30). Nuko rero, ntabwo ari umuhanuzi basuzuguye cyangwa uwazanaga amagambo y'umuhanuzi, ahubwo basuzuguye Uwiteka Imana. Iri ni isomo rikomeye cyane. Mose yashoboraga kuvuga ati «*Uwitwa "Ndiho" niwe wabantumyeho*» (Kuva 3:14). Yari afite umuhamagaro, n'ubukozi bufitanye isano n'umugambi w'agakiza kandi yagombaga gushyira amagambo y' Imana mu kanwa ka Aroni (Kuva 4:15). Abo banyagasuzuguro ntabwo ari Mose na Aroni basuzuguye, ahubwo Imana ni yo batutse kandi barayisuzugura.

Ibyo ni byo Pawulo yatekerezaga ubwo yavugaga iby' abanyagasuzuguro ku bireba umurimo Imana izakora mu minsi yacu. Nta gushidikanya ko, iri jambo ryandikiwe igihe cyacu. Ntabwo ari intumwa y' igihe cyangwa uwahawe kujyana ubwo butumwa basuzugurwa, ahubwo Imana yo yatanze ubwo bukozi bufitanye isano n'umugambi w'agakiza ni yo iba isuzuguwe. Umuntu wese wizera ubukozi bw'umuhanuzi koko, ntakabuza agomba no kwizera ko ubutumwa buzasohoza icyo bwoherejwe. Umuntu wese wanga kwemera umuhamagaro n'ubukozi byatanzwe n'Imana aba asuzuguye Imana, yo yatanze uwo muhamagaro bivuye mu kanwa kayo.

Nk'uko ari ukuri ko Uwiteka yaremye byose akoresheje Ijambo rye rishobora byose, agasoza umurimo we wo kurema, na none ni ukuri ko ubu arimo gusoza Ubwe umurimo we wo gucungura nk'uko byasezeranijwe mu Ijambo ry' Imana, mu imbaraga z' Umwuka wera, mu Itorero ry' abana b' imfura yacunguje amaraso ye. «*Kuko Umwami Imana azasohoza mu buryo bwuzuye kandi vuba ku isi icyo yagambiriye*» (Abaroma 9:28).

Mu gice cya nyuma ubwo imvura ya mbere n'iya nyuma zizagwira rimwe, ubwo igikorwa cya nyuma cy' Umwuka kizakorwa, imbaraga z' Imana zizagaraga imbona nkubone, abizera nyakuri bazaba bose ari umutima umwe n'ubugingo bumwe - mu butumwa, mu Ijambo no mu bushake bw' Imana, nk'uko byari bimeze ku ntango ku munsi wa Pantekote.

Ku bw' intore, zitigera ziba na rimwe ku ruhande rw' umurezi, hazasohora rya Jambo Pawulo yanditse mu Baroma 8:31-39 ati: «*Ni nde uzarega intore z' Imana? Kandi ariyo izitsindishiriza! »* Abanesheje baguma munsi y' amaraso y' Umwana w' Intama kandi Ijambo ni ryo buhamya bwabo. Bizera buri jambo, uhereye ku gice cya mbere ukageza ku cya nyuma, harimo n'ibyanditswe muri Malaki 3:23-24, Luka 17, Matayo 24:14, no ku murongo wa 24 cyangwa imirongo ya 45-47, hamwe na Matayo 25:1-10, cyangwa Ibyahishuwe 10.

Ikibabaje ni uko ijugunywa ku isi ry' umurezi n'umushukanyi ushuka isi yose rizaba ari uko byose byageze ku iherezo. Ibyo ari byo byose, ntabwo intore zishobora kuyobywa. Igihe cyo kuzamurwa n'itangazwa ry' Ubwami niho hazasohora ibyanditswe mu Byahishuwe 12:7-11 bigira biti: «*Nuko numva ijwi rirenga rivugira mu ijuru riti: Noneho agakiza karasohoye, gasohoranye n'ubushobozi n'ubwami bw' Imana yacu*

n' ubutware bwa Kristo wayo; kuko umurezi wa benedata ajugunywe hasi, wahoraga abarega ku manywa na nijoro imbere y' imana yacu. Na bo bamunesheshe je amaraso y' Umwana w' Intama n' ijambo ryo guhamya kwabo, ntibakunda amagara yabo, ntibatinya no gupfa».

Igihe cya nyuma

Mu gihe cya nimugoroba, umucyo wararashe. Umucyo ndengakamere uramurikira rwose buri nyigisho ishingiye kuri Bibiliya, ni yo mpamvu dushobora kugendera mu mucyo w' Ijambo ryahishuwe. «*Kuko imana yavuze iti: umucyo uzamurikira ahacuze umwijima, yamuritse umucyo mu mitima yacu kugira ngo irabagiranishe ubwenge bwo kumenya ubwiza bw' Imana buri mu maso ha Kristo*» (2Abakor.4:6). Amina.

Umwami yacyuye umugaragu n' umuhanuzi we amaze kurangiza umurimo we, ariko Ijambo ryahishuwe ryo ryagumanye natwe. Ubwo ni bwo butumwa bwageze nku mpera z' isi. Imana niyo yitwararitse buri kintu cyose ubwayo, kandi igihe Umwami azagaruka, azasozereza umurimo mu Itorero-ryahamagawe, arishyikirize mu maso he hera ridafite umugayo (Abef.5:27; Abakolos.1:22; n' ahandi).

Imana yampaye amahirwe akomeye yo kujya mu biterane ya mwenedata Branham yabereye mu Budage no muri Leta zunze ubumwe za Amerika. Ndi umuhamya wiboneye kandi wiyumviye iby' ubwo bukozi budasanzwe. Nzi kandi ko hari n' ibindi yari agitegereje yibwira ko byagombaga kuba mu gihe cye. Ibyo nta kibazo mukwiye kubigiraho, kuko ibyo Imana yateguriye Umugeni byose bizasohora. Amasezerano y' Imana yose ni Yego kandi Amina muri We (2Abakor.1:18-22). Ubukozi bwa mwenedata Branham bwagiriye umumaro intore zose. Mfite umunezero udasanzwe natewe n' uko Umwami Nyir' ukwiringirwa yanshoboje kubona mwenedata Branham azamuka ari ku gicu amaze gupfa; icyo gihe nari mu Budage ntacyo nzi ku by' impanuka yagize tariki 18/12 n' urupfu rwe rwakurikiyeho tariki 24/12. Umwami wacu yajyanywe ku gicu (Ibyakozwe 1:9), Umugeni nawe azajyanwa ku bicu agiye gusanganira Umwami ku kirere (1Abates.4:17), ndetse na ba bahanuzi babiri bo muri Isirayeri bazazamurwa ku gicu (Ibyah.11:12).

Isi yose izi ko nari mfitanye na mwenedata Branham n' ubukozi bwe umubano wa hafi cyane kumara igihe cy' imyaka cumi. Benshi kandi bazi umugabane Imana yampaye ku bw' ubuntu bwayo wo gutwara ubutumwa. Kubera umuhamagaro nahawe, byatumye Imana iyobora buri kintu cyose nyuma y' uko umuhanuzi ataha, ku buryo nabaye uwa mbere kugeza ubutumwa mu Burayi, muri Aziya, muri Afurika no ku isi hose.

Nabyo mukwiye kubimenya ko mu gihe mwenedata Branham yari akiriho, isi itari yakamenye iby' ubutumwa bw' igihe. Uretse muri Amerika, hariho ibindi bihugu bitatu byonyine byarimo benedata bumvaga ibibwirizwa bya mwenedata Branham: Edmonton muri Kanada, kwa mwenedata Henri Martin, uwo narangiwe aho atuye na mwenedata Branham; muri Afurika y' epfo kwa mwenedata Sidney Jackson n' iwacu i Krefeld. Turi ahitwa i Dallas muri Texas/Amerika, mwenedata Branham yarambwiye ubwe ati: «Mwenedata Frank, uzasubira mu Budage ujyanye ubu butumwa». Tariki 3/12/1962, mwenedata Branham yansubiriyemo ibyo Umwami yari yantegetse tariki 2 z' ukwezi kwa kane, maze yongeraho aya magambo ati : «Mwenedata Frank, ube uretse kugabura ibyokurya kugeza ubwo uzahabwa ibisigaye ». Ubutumwa bwashoboye kubanziriza kugaruka kwa Kristo nyuma

y' aho Umwami yigaruriye umugaragu we, kuko aribwo ibyokurya byose byari bimaze guhunikwa.

Nk' uko Imana yigaruriye umugaragu wayo Mose, ni ko byabaye no kuri Elisa na Branham. Mose yashoboye kubona igihugu cy' isezerano ari ku musozi Nebo (Gutegeka 32:44-52), ariko iteraniro ry' abana b' Isirayeri ryinjiye mu gihugu riyobowe na Yosuwa. Kuri Yosuwa, ikintu cyari icya ngombwa cyane kuruta ibindi byose cyari isanduka y' isezerano, kuko ari yo yarimo ijambo ryahishuriwe umuhanuzi. Ni ko bimeze na none kuri twe uyu munsi: Dutwaye Ijambo ryahishuwe, turimo turinjira mu gihugu cy' isezerano; abana b' isezerano bose bizera Ijambo ry' isezerano kandi bazashyirwaho ikimenyetso n' umwuka w' isezerano (Abef.1:13). Ntibishoboka, ntibizigera bishoka ko Imana y' ukuri ishyira ikimenyetso cyayo ku muntu uri mu buyobe.

Ubutumwa bugitangira, kugeza mu myaka ya za 70, muri buri murwa hari hakiriho iteraniro rimwe gusa ry' ubutumwa bw' igihe. Ubu, hasigaye hari amateraniro menshi mu mirwa inyuranye yiyitirira mwenedata Branham. Ese byashoboka bite ko «abizera» badafitanye ubumwe hagati yabo, banga guteranira hamwe cyangwa gusangira ifunguro ryera, ko bazahurira ku ifunguro ry' Ubukwe bw' Umwana w' Intama? Ntibishoboka!

Ariko noneho kubera iyi nyandiko, abantu bose hano no ku isi hose, bashobora gukosora icyemezo cyabo. Ubu rero kimwe no mu minsi ya Mose, bizagaragara niba turi mu bagize Itorero ryahamagariwe gusohoka cyangwa niba dukurikira Datani na Kora, cyangwa se niba iyo tuba mu munsi ya Pawulo twari gukurikira Himeneyo na Fileti (2Tim.2:15-18). Ubu noneho, niba umuyobozi w' itorero yanze kwakira umukozi watumwe n' Imana mur' iki gihe cyacu, bizagaragarira bose ko azaba ari kimwe na Diyotirefe wanze kwakira intumwa Yohani. Nimubitekerezeho gato, umuyobozi w' itorero uhangaraga akanga kwakira intumwa y' Imana nka Yohana (3Yohana 9-10)! Ese ba "Diyotirefe" dufite ubu ni bangahe, abiyita abashumba ariko batashyizweho n' Imana? Ese ibyo Umwami yavuze kubo yatumye byaba byarataye agaciro? «*N' ukuri, n' ukuri ndababwira y' uko, uzacyira uwo nzaba natumye ni jye azaba yakiriye, kandi unyakiriye aba yakiriye uwantumye*» (Yoh.13:20). Ibi ni *UKU NIKO UWITEKA AVUZE.*

Nzi ko Umucunguzi wanjye ari muzima, kandi nzi neza ko inzandiko zizenguruka nandika atari umurimo nitumye ubwanjye, ahubwo zandikirwa Itorero, ku itegeko ry' Imana. Umwami ubwe ni we uzita ku Mugeni kugira ngo agarurirwe inshuro ebyeri, nk' uko byabaye kuri Yobu nyuma y' uko Satani arimbuye ibye byose (Yobu 42; Yak. 5). Igihe kiregereje cyane. Hatitawe ku ntege nke no ku mibabaro yanjye bwite nk'umuntu, nakoze byose mu bukozi bwanjye nk' uko nabibwirijwe n' Umwami, harimo n' amagambo yo muri 2Timoteyo 4:2: «*…Ubwirize Ijambo ry' Imana, ugire umwete mu gihe gikwiriye n' ikidakwiriye…*». Uyu murongo wa Bibiliya ufite icyo umbwira by' umwihariko, kuko Umwami ubwe yantegetse kuwusoma, mu mwaka wa 1980, mbwirwa ko ngomba kubwiriza gusa ibyo nsanga mu Byanditswe byera. Na none uyu murongo wabwiwe mwenedata Branham mu mwaka wa 1933, awushyira ku ibuye rikomeza imfuruka y' urusengero rwe i Jeferisonivile.

Ubuhamya bwanjye bumeze nk' ubwa Pawuro: « *Ntabwo twibwiriza ubwacu, ni Yesu Kristo Umwami tubwiriza, kandi tuvuga ko turi abagaragu banyu ku bwa Yesu*» (2Abakor.4:5).

Kugaruka kwa Kristo kuri hafi cyane, ibimenyetso byo mu bihe bya nyuma birabitwereka. Ibyanditswe muri Matayo 24:14 birimo gusohora: «*Kandi ubu Butumwa bwiza bw'ubwami buzabwirizwa mu isi yose, kugira ngo bubere amahanga yose ubuhamya. Nibwo imperuka izaherako ibe*».

Ubu turi mu gisekuru cy'igihe cya nyuma, mu gahe gato kabanziriza kugaruka kwa Kristo. Ibyavuzwe n'ubuhanuzi bwa bibiliya byose, byaba ari intambara, imitingito, inzara, ibihe bigoye, ibiza, n'ibindi, byose birimo gusohorera mu maso yacu. Umwami yatumenyesheje ko: «*Nuko ibyo nibitangira kubaho muzararame, mwubure imitwe yanyu kuko gucungurwa kwanyu kuzaba kwenda gusohora*» (Luc 21:28).

Igice cy'ikinyejana ku isi hose

Nujujwe ishimwe ryinshi no kwibuka urugendo rwanjye rwa mbere nagize mu gihugu cy'Ubuhindi mu kwezi kwa cumi muri 1964; ndifuza kugaruka gato ku byabaye. Uhereye icyo gihe, nabwirije mu mirwa 23 y'icyo gihugu kinini cyane, kandi Imana nibishaka nzasubirayo ku nshuro ya 25 mu kwezi kwa cumi 2015.

Muri iyi myaka 50 ishize, nashoboye kubwiriza Ijambo ry'Imana mu mirwa irenga 600 mu bihugu birenga 140; harimo na Moscou (mu Burusiya), Pekin (mu Bushinwa), Kayiro (muri Egiputa), n'i Damasiko (muri Siriya). Izo ni ingero nkeya gusa ntanze. Ijambo ry'Imana rikwirakwizwa mu bihugu byinshi binyuze ku isakaza majwi kuri Radiyo na Televiziyo, ku buryo amamiriyoni menshi y'abantu yashoboye kugerwaho n'Ubutumwa bwiza binyuze no mur'ubwo buryo.

Ku mugabane wa Afurika, niho hari musaruro mwinshi by'umwihariko. Mu mirwa myinshi y'Afurika, amateraniro aba agizwe n'ibihumbi byinshi by'abantu.

Nk'uko bizwi na bose, twashoboye gufungura ahantu hacu bwite ho guteranira muri 1974. Icyaje gukurikiraho tariki ya 18/07/1976, ni uko Umwami yantegetse mu ijwi ry'imbaraga ati: «Mugaragu wanjye, jya ku kibanza mubangikanye ukinyegurire, maze muzacyubakemo…». Nahereyeko nyura mu duti twari duhari, mpageze ndapfukama mpegurira Umwami. Mu myaka yakurikiye, twahubatse amazu ya misiyoni, harima amabiro, icapiro, ibyumba bikorerwamo umurimo wo kwohereza udutabo n'ibindi by'ivugabutumwa, hamwe n'inzu yo kuraramo yakira abashyitsi bavuye kure baza buri kwezi mu materaniro.

Nshimira Imana cyane iki kigo cy'ivugabutumwa. Mu gihe cy'amateraniro adasanzwe aba buri cyumweru cya mbere cy'ukwezi, abantu bava mu Burayi bwose no mu yindi migabane y'isi bazanywe no kumva Ijambo ry'Imana, mu gihe ibindi bihumbi byinshi ku isi yose biba bikurikira amateraniro kuri Interineti. Amateraniro yaba abera i Krefeldi (mu Budage), Zurich (mu Busuwisi), London (mu Bwongereza) cyangwa i Paris (mu Bufaransa), ubu abantu ku isi yose bashobora kumva cyangwa kureba ibyo Imana

irimo gukora. Ibyanditswe muri Amosi 8:11 byasohoye nk'uko byanditswe: Imana yohereje inzara n'inyota byo kumva Amagambo yayo, kandi imeza y'Umwami yuzuye ibyokurya rwose.

Ikindi nshimira Imana, ni benedata bakora umurimo wo gusemura, na benedata b'abakozi bari mu bihugu byose bafite uruhare mu murimo wo kugabura ibyokurya by'umwuka bitunganye. Ni muri ubwo buryo ibyanditswe muri Matayo 24: 45-47 nabyo bisohora, kuko Umugeni ku isi yose ashobora kugira umugabane mu ivugabutumwa. Uyu murongo wa bibiliya nawo nawubwiwe n'Umwami mu ijwi riranguruye, hari ku cyumweru tariki 19/09/1976. Ibi nabyo ni ukuri nk'uko Imana ari nzima.

Mu kibwirizwa yise «Igikorwa gikoranye ubuhanga buhanitse» (The Masterpiece/ Le Chef-d'œuvre), tariki 5/07/1964, mwenedata Branham yavuze ukuntu yeretswe Umugeni ava mu nzira, hanyuma yerekwa n'ukuntu yagaruwe mu nzira bihuje na buri Jambo ry'Imana. Ubu mur'iki gihe cyacu, tubwirizwa Ijambo ry'ukuri ry'Imana kandi ritunganye, kandi abagize Itorero-Mugeni bose bararyizera bakaryitondera. Umuhamagaro wa nyuma urimo kumvikana: « dore Umukwe araje! Mujye kumusanganira!» Amina.

Ubu imyaka 49 irashize uhereye igihe mwenedata Branham yatahiye agasanga Umwami. Mur'Isirayeri, Imana yari yarategetse ko ku mwaka wa 50, ari wo mwaka wa yubire, buri muntu yashoboraga gusubira muri gakondo ye (Abalewi 25). Mu gihe cy'imyaka 49 ishize, Imana yakoreye abizera ibintu bikomeye batabarika. Nyamara bose bategereje ibiruseho, bose barifuza kugarurirwa kuzuye, umurimo wa nyuma w'Umwuka no gusozwa. Imana ni iyo kwiringirwa. Ishobora gutuma, mu gihe cyacu, umwaka wa 50 uba umwe mu myaka ihebuje yo mu mateka y'agakiza. Tubitegereje n'igishyika cyinshi, ariko Imana ni Yo igena igihe n'isaha. Icyubahiro n'ikuzo biyigarukire. Nta na rimwe yigera icyererwa. Amina.

Nta byinshi tuvuga ku birimo kuba hirya no hino ku isi. Amakuru ya buri munsi y'ingorane n'imvururu biri hirya no hino ku isi atugeraho mu buryo burambuye. Amaso yacu tuyahanze by'umwihariko mu burasirazuba bwo hagati, n'i Yerusalemu, umurwa watoranijwe n'Imana ubwayo. Mu igihe kirenga imyaka 3300, Yerusalemu niyo yari umurwa mukuru w'ubwoko bw'abayahudi, kandi ivugwa inshuro zirenga 700 muri bibiliya, ariko nta na rimwe ivugwa muri koruwani. Imana ubwayo niyo yatanze muri bibiliya isezerano ryo kugarura ubwoko bwayo mu gihugu cya ba sekuruza (Yer.23:7-8; Ez.36:24-28; Mika 2:12-13; Zef.3:19-20; Zak.2:12-13), kandi turi abahamya ko yabisohoje. Igihe kizagera ubwo Zakariya 14:16-21 nayo izasohora, ubwo abantu bose bazaba barasigaye nyuma y'intambara ikomeye ya nyuma, bazajya bazamuka bajya i Yerusalemu kwizihiza iminsi mikuru y'ingando.

Buri muntu wese akwiye kumenya ko, mu gihe atoranije gushyigikira cyangwa kudashyigikira Isirayeri, bimuviramo umugisha cyangwa umuvumo, nk'uko Uwiteka Imana yabibwiye Aburahamu ati: «*Nzaha umugisha abazagusabira umugisha, kandi nzavuma abazakuvuma; kandi muri wowe ni ho imiryango yose yo mu isi izabonera umugisha*» (Itang. 12:3)!

Twomatane dukomeje ku butumwa nyakuri, kuko uzashikama akageza ku iherezo ari we uzambikwa ikamba. Nk'uko byanditswe mu Baroma 11, Imana ibanza gusoza umurimo wayo mu Itorero ry'abanyamahanga, ikabona kuzasozanya na Isirayeri. Nibe ari yo yonyine ihabwa icyubahiro iteka ryose. Amina.

«Kandi Umwuka n'Umugeni baravuga bati: Ngwino. Kandi uwumva avuge ati: Ngwino. Kandi ufite inyota naze, ushaka aze yende ku mazi y'ubugingo, ku buntu»!

Ukora abitegetswe n'Imana

Fr. Frank

Muri Angola hari amateraniro manini akurikira ibibwirizwa by'i Krefeld ku murongo w'itumanaho rya intereneti. Iyi shusho irerekana abizera barimo gukurikira kuri interineti amateraniro yarimo kubera i Londres.

Mu kwezi kwa munani, mwenedata Frank yagiye muri Ethiopia no mu Rwanda. Iyi shusho yerekana amateraniro yabereye i Kigali mu Rwanda

Icyumweru cya mbere cy’ukwezi kwa cumi, hafi abizera 1200 bavuye mu bihugu 15 bateraniye i Krefeld. Nkuko mushobora kubibona ku ma shusho, urusengero rusanzwe ruberamo amateraniro, ndetse n’icyumba cyo hejuru byari byuzuye. Ishusho iri i buryo, yerekana ko aho abantu basanzwe bafatira amafunguro, naho bene Data na bashiki bacu, bari bahicaye barimo gukurikira amateraniro kuri televisio nini. Ibibwirizwa biba mu rurimi rw’ikidage, bigaherako bisemurwa mu ndimi cumi n’ebyiri. Ku murongo wa interineti, amateraniro ashobora gukurikirwa ku isi hose. Turashimira Imana ku basemuzi.

Mu myaka icumi ishize, uku niko byari biteguye, ayo ni ameza ariho ibibibwiriza bya mwenedata Branham. Intego yanjye nyamu-kuru yari iyo gusemura mu kidage, mbere na mbere ibibwiriza byose byabwirijwe nyuma yo kubumburwa w' ibimenyetso.

Ubu hari ibindi byiyongeyeho. Nitwararika gusohoza inshingano ebyiri nahawe n' Umwami: Kubwiriza Ijambo, no kugabura amafunguro y' umwuka kugeza igihe Umwami azagaruka.

Centre Missionnaire

P.O Box 100707

47707 Krefeld

Allemagne

Mushobora no gukurikira amateraniro yacu ya buri cyumweru cya mbere cy' ukwezi, mukoresheje umuyoboro wa interineti. Ku wa gatandatu ni sa moya n' igice nimugoroba, naho ku cyumweru ni saa ine za mugitondo (Isaha yo mu Burayi bwo hagati). Ayo materaniro asakazwa mu isi yose mu ndimi 13 zinyuranye. Nimugire umugabane mu byo Imana irimo gukora ubu bijyanye n' umugambi wayo w' agakiza!

Page web: http://www.freie-volksmission.de/?lang=3&site=news

E-mail: volksmission@gmx.de cyangwa E.Frank@freie-volksmission.de